REPUBLIKA Y'U RWANDA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO,
SIPORO N'UMUCO
K I B U Y E.

Kibuye, kuwa 28 / 04 / 2000
No 032 / 07.00/22

Nyakubahwa Ministri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
K I G A L I.

Impamvu: Raporo y'igihembwe cya mbere 2000.

Nyakubahwa Ministri,

Hamwe n'iyi barwa, nshimishijwe no kuboherereza raporo y'ibikorwa byakozwe mu gihembwe cya mbere, umwaka w'2000.

Tubashimiye uburyo mubyakira !

Umuyobozi w'Urubyiruko, siporo n'Umuco
muri Perefegitura KIBUYE
M U R E N Z I Thomas.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
ENCADREMENT PREFECTORAL KIBUYE
MIJESCAFOP

Bimenyeshejwe:

- Bwana Perefe wa Perefegitura
K I B U Y E.

RAPORO Y'IBIKORWA BYAKOZWE MU GIHEMBWE CYA MBERE 2000.

I. INTANGIRIRO: Iyi rapore irabasha kugaragaza imiterere y'ubuyobozi bw'Urubyiruko, Sipore n'Umuco muri Prefegitura na Komini za KIBUYE, ibikorwa by'Urubyiruko, imikorere y'inzego z'urubyiruko, iterambere rya Sipore n'umuco muri rusange. Turerekana kandi n'ibibazo twahuye nabyo n'ingamba twafashe mu gihe kiri imbere.

II. SERVICE D"ENCADREMENT:

a) Prefegitura: Hari abakozi babiri aribo:

-MURENZI Thomas: Umuyobozi w'urubyiruko, sipore n'umuco

- UMUTEGA Angelique: Umunyamabanga w'ubuyobozi bw'urubyiruko, Sipore n'UMUCO.

N'ubwo imirimo igenda ikaba myinshi, ikigaragara nuko ikorwa nkuko bisanzwe, uretse ibikoresho byo mu biro bidahagije.

b) Ubusanzwe buri komini ifite Encadreur wayo. Ni ukuvuga mu makomini 9 agize Prefegitura ya Kibuye. Uretse ko muri Komini KIVUMU, uwari Encadreur aherutse kwegura kubera impamvu ze bwite. Iyo komini ikaba ishakisha undi.

-Imilimo ya Encadrement muri komini ikaba igenda neza, nubwo abayihagarariye bataragenerwa ku inshingano zabo.

III. URUBYIRUKO:

-Muri Prefegitura Kibuye, dufite urubyiruko rugera kuri: 115.409

Ni ukuvuga :* Igitsina gabo: 53.948

Igitsina gore: 61.461

Turabamenyesha ko Prefegitura Kibuye, ifite abaturage 425.106 bibumbiye mu na selire 638, ama segiteri 101 agize ama komini 9.

Urubyiruko rwacikishije amashuri yarwo rugera kuri: 969

IV. AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO:

-Muri Prefegitura dufite amashyirahamwe : 108 ari mu makomini mu buryo bukurikira:

1. RUTSIRO : 12
2. MABANZA: 31
3. GITESI : 32
4. GISOVU : 16
5. GISHYITA: 1
6: KIVUMU : 4
7. BWAKIRA : 2
8. MWENDO : 3
9. RwamaTAMU: 5

-Ayo mashyirahamwe yibanda cyane ku buhinzi, ubworozi n'ubukolikoli. Andi muri yo hari akora ububaji, kuboha mu migano, ikimina, guhana amafranga, ubworozi bw'amatungo magufi. Buri komini kandi ikaba ifite ikigega cy'urubyiruko.

- Ikigaragara nuko ari ayo mashyirahamwe n'ibigega by'urubyiruko rwagezeho, hakenewe abatera nkunga haba -Kubigisha imicungire myiza y'ikigega n'uburyo bushya bwo gucunga umutungo w'amashyirahamwe yabo.

-Inguzanyo ku mashyirahamwe.

V. INZEGO Z"URUBYIRUKO:

Nubwo inzego z'urubyiruko zabonye amahugurwa atandukanye, ariko haracyakenewe andi ashingiye cyane ku nshingano zabo. Ikigaragara nuko imikorere yabo hakirimo guhuzagurika, bitye bikadindiza byinshi. Mu ingamba twafashe zo gukangura inzego zatowe, harimo ama nama dukorana n'abahuzabikorwa muri Komini n'abagize Komite muri Perefegitura n'aba ankadereri mu ma Komini, tukagaragaza inshingano za buri wese. Ikindi cyari cyabashijwe gukorwa ni ukugenderera ama Komini yose, duhura n'inzego zatowe muri selire na segiteri. Twahuye n'ama Komini 2 ariyo MABANZA na RUTSIRO andi akaba ateganyijwe mu gihe kiri imbere.

VI. IMIKINO N'IMYIDAGADURO:

Imikino ikunze kugaragara muri perefegitura KIBUYE n'iyi ikurikira:

- Umupira w'amaguru ( Foot ball )
- Umupira w'intoki ( Volley ball na Basket-ball )
- Gusiganwa ku maguru ( Athletisme )
- Gusiganwa ku magare ( Cyclisme )
- Igororangingo ( Acrobatie )
- Koga mu kiyaga cya Kivu ( Natation ), uwo mukino nawo ukaba waratangiye kandi ukaba ukundwa na benshi, hakaba hakenewe inkunga mukuwuteza imbere.

Muri iki gihembwe, hatangiye amarushanwa y'umupira w'amaguru (FB) mu ma Komini yose agize Perefegitura KIBUYE, yatangiye taliki 12 / 02 / 2000. Intego yawo akaba ari uguteza imbere umukino, gukangurira aba nya Kibuye siporo dore ko kugeza magingo aya Perefegitura itagiraga ikipi. Aya marushanwa akaba ageze muri 1/2 cy'umukino, final ikazaba mu kwezi kwa 05/2000. Ingorane duhura nazo ni ikubura ibikombe bikinirwa n'ibihembo kubasifuzi. Hakaba kandi hari hateganyijwe championat kuri discipline zose, ikazatangiramu 07/2000.

VII. U M U C O :

Mu rwego rwo guteza imbere umuco nyarwanda no kuwutoza urubyiruko, mu ma Komini hashyizweho amatorero ndangamuco. Hakaba hari hateganyijwe mu minsi iri imbere amarushanwa y'imbyino gakondo, ubuhanzi n'ubugeni, ariko ibyo byose bikaba bikiri mu bitekerezo kubera amikoro make. Muri Perefegitura KIBUYE, hari inzibutso ndongo-mateka nk'urutare rwa NDABA, itongo rya RWABUGIRI riri mu BIGABIRO muri segiteri RUBENGERA, Komini MABANZA. Ikibuguzo cya RUGANZU kiri muri segiteri NGANZO n'ubuvumo bwo mu NSURA buboneka muri segiteri MUTUNTU muri Komini MWENDO.

Aha hose hakaba hari hakenewa gutunganywa no kwitabwaho kugira ngo haba site touristique.

Kugira ngo Umuco nyarwanda utere imbere, hakaba hakenewe amahugurwa mu buhanzi n'ubugeni na ndetse hakajya hategurwa n'amarushanwa kenshi.

..../....

VIII. INGORANE N'IBYIFUZO:

a. URUBYIRUKO: -Kubura akazi kabahu umushahara, kubataragize amahirwe yo kurangiza amashuli.

- Kubura amafaranga y'ifatizo kugira ngo urubyiruko rushobore kwishingira amashyirahamwe no kutagira aho bakorera mu gihe rushoboye kuyashinga.
- Urubyiruko rwacikishije amashuli ntirubona aho rwigira imyuga icirirítse yarufasha mu mibereho yarwo.
- Ubuyobozi bw'urubyiruko muri perofegitura ntirubona uburyo bwa borohereza mu ingendo igihe hari gahunda yo gusura urubyiruko n'ibikorwa byarwO.

b. IMIKINO N'IMYIDAGADURO:

- Kubura ibikoresho by'imikino, n'ibibuga bidahagije kubera akenshi imiterere ya perefegitura.
- Kubura abatoza n'abasifuzi b'imikino inyuranye.
- Kubura inkunga igihe cy'amarushanwa y'imikino inyuranye ( ibikombe, gunemba abasifuzi n'aba komiseri...)

c. U M U C O:

- Hakenewe amahugurwa y'abahanzi n'abanyabugeni bari mu ma perefegitura.
- Amarushanwa y'imikino n'imbyino gakondo ikitabwaho.
- Gutunganya inzibutso ndanga-mateka.

IX. UMWANZURO:

Nubwo ingorane ari nyinshi mu kazi dushinzwe, tugerageza kuzishakira umuti cyane twifashishije ubuyobozi bwa Perefegitura.
Abakozi ba MIJESOC?/ KIBUYE nabo bakaba bafite ikibazo cy'umushahara kugeza magingo aya batangira akazi bakaba batarabona imishahara yabo. Ministeri ibashinzwe ikaba isabwa kwihutisha dosiye zabo.
Hakenewe kandi documentation muri buri service kuri politiki yayo kugira ngo n'ibikorwa bigendere kuri gahunda nta guhuzagurika.

Bikorewe i Kibuye kuwa 28 / 04 / 2000

Umuyobozi w'Urubyiruko, siporo n'umuco
muri Perefegitura KIBUYE
M U R E N Z I Thomas.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
MIJESCAFOP
ENCADREMENT PREFECTURAL KIBUYE